BYENDA GUSETSA:

1. **Singiye mu Ijuru ngiye i Nyamirambo !!!**

Umusinzi yuriye Taxi....Komvayeri aramubwira ati wowe iyo ngeso yawe izatuma utajya mu Ijuru...Umusinzi ati "ese mugiye mu Ijuru ?...
Hagarara mvemo jye ngiye i Nyamirambo."

==========

2. **Yeretse umugore we Yesu ngo amumukize**

Umugabo yavuye gusenga yuzuye ibinezaneza aririmba uturirimbo tw'Imana, maze ageze mu rugo aterura umugore we amushyira hejuru.
N'ibyishimo byinshi umugore aramubaza ati "sheri, ko uyu munsi waje wishimye cyane byagenze gute ?"
Umugabo aramubwira ngo pasiteri yatwigishije ko nitugera mu rugo dufata ibibazo byacu tukabishyira hejuru ngo umwami Yesu arakoraho dutane na byo iteka !!!"

==========

3. **Gicucu izi saha uba uri he ?**

Umugabo yatinze gutaha, ni uko umugore amuhamagara kuri telefoni n'umujinya mwinshi ati " Gicucu izi saha uba uri he ?"
Umugabo aramusubiza ati "Ntiwibuka ya bijouterie (bijuteri)twagiyemo ugapfira ya mpeta ariko simbashe kuyikugurira kuko nari nkiri umukene ?" Umugore ati "Ndayibuka sheri."
Umugore ahita acisha make atekereje ko agiye kumugurira iyo mpeta. Ni uko umugabo ahita amubwira ati "Ubu rero ndi mu kabari biteganye."

==========

4. ***Umuntu ufite uburwayi bwo mu mutwe,***

Yabonye mugenzi we arohama muri Piscine y'ikigo bari barwariyemo, ahita asimbuka amukuramo.
Nuko bucyeye, Umuyobozi w'ikigo aramuhamagaza ati"nagiraga ngo nkubwire inkuru nziza y'uko tugusezereye ukaba wataha iwawe kuko kuba wibwirije kurokora mugenzi wawe ni uko utakirwaye."Arongera ati "ariko nari ngufitiye n'indi nkuru ibabaje, twasanze mugenzi wawe waraye urokoye yapfuye, yimanitse muri douche."Wa murwayi bari bamaze gusezerera ati "Reka da ntiyimanitse ni njye wahamushyize maze kumurokora kugira ngo yumuke !"

==========

5. Le chauffeur de taxi

Le passager d'un taxi se penche vers l'avant pour poser une question au chauffeur et lui touche l'épaule doucement pour attirer son attention.Le chauffeur lâche un cri, perd le contrôle du véhicule, évite un autobus de justesse, monte sur le trottoir et s'arrête à quelques centimètres de la vitrine d'un magasin ! Pendant quelques instants c'est le silence, puis le chauffeur d'une voix tremblante :
- Je regrette, mais vous m'avez vraiment fait peur !
Le passager s'excuse en disant qu'il ne pensait pas qu'un simple touché sur l'épaule pourrait l'apeurer autant. Le chauffeur répond :
- Ne vous excusez pas, c'est entièrement de ma faute.
C'est ma première journée de taxi... Pendant 25 ans j'ai conduit un corbillard.